

## INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MU KARERE KA GATSIBO

Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo nk'uko yiyemeje mu iteganyabikorwa ry'umwaka wa 2019, bagendeye kandi ku bubasha ndetse n'inshingano bahabwa nk'uko biteganywa mu Iteka rya Perezida n° 64/01 ryo kuwa 12/02/2014 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane, Imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane, bakoze ibikorwa bitandukanye muri iki gihembwe biganisha ku kurwanya ruswa no guca Akarengane mu Karere ka Gatsibo.

Muri iki gihembwe nubwo hakozwemo ibikorwa byinshi bitandukanye; bimwe mu bikorwa byakozwe ni ibi bikurikira:

1. Gutanga ikiganiro kuri radiyo ishingiro mu gushishikariza abaturage ububi bwa ruswa n'Akarengane
2. Gukangurira inzego zitandukanye kurwanya ruswa n'Akarengane mu nteko z'abatwira ndetse no kumbuga nkoranyambaga
3. Kuganira ku mikorere y'inama ngishwana zo kurwanya ruswa n'Akarengane mu Mirenge ndetse n'ibindi byiciro bitandukanye
4. Gukemura ibibazo by'Akarengane byagaragajwe
5. Gukoresha ibiganiro (Mobilisation) bishishikariza abaturage ku rwanya ruswa n'akarengane no gukemura bimwe mu bibazo by'akarengane bigaragara

Ingingo zaganiriweho mu gihembwe cya mbere ku buryo burambuye

1. Gutanga ikiganiro kuri radiyo mu gushishikariza abaturage ububi bwa ruswa n'Akarengane

Mu Karere ka Gatsibo kuwa 16/04/2019, Umuyobozi w'Akarere ari nawe muyobozi w'inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere ndetse n'abagize inama ngishwana yo kurwanya ruswa nka Perezida w'urukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare n'ifasi ya Gatsibo, Umushinacyaha Mukuru mu ifasi ya Gatsibo batanze ikiganiro muri studio za Radio ishingiro baganira n'abaturage ku ngamba ku kurwanya ruswa n'Akarengane, gutunga urutoki uwagaragayeho ruswa bagatangira amakuru ku gihe ku hantu hagaragaye ruswacyangwa akarengane, abaturage kandi basobanuriwe n'imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane. Ikiganiro kiboneka ku rubuga rw'Akarere kuri Link yo kurwanya ruswa <http://gatsibo.gov.rw/index.php?id=170>



Umuyobozi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane na Perezida w'Urukiko batanga ikiganiro kuri radio



Umushinjacyaha mu ifasi ya Gatsibo na Nyagatare atanga ikiganiro ku kurwanya ruswa

## 2. Gukangurira inzego zitandukanye kurwanya ruswa n'Akarenage mu nteko z'abatuirage ndetse no kumbuga nkoranyambaga

AKarere ka Gatsibo kiyemeje gukwirakwiza ubutumwa butandukanye mu kurwanya ruswa n'Akarengane biciye mu buryo bwinshi kandi bigira ingaruka nziza ku buzima bw'Akarere mu gushishikariza abaturage ndetse n'izindi nzego zitandukanye kurwanya ruswa n'Akarengane. Mu kubikora haba harimo

- Inteko z'abaturage, inama zitandukanye,
- Imbuga Nkoranyambaga "Social media" n'ibindi...

Ubu buryo rero bugenda bukungurira abantu b'ingeri zitandukanye gutunga agatoki ahagaragaye ruswa no kuvuga ikibazo mu nzira zose zishoboka. Ibi bikorwa byose kandi hashyizweho uburyo butabangamirana gutanga amakuru kandi abaturage bashishikarizwa kwigirira ikizere mubyo bakora bigatuma haramutse hagira ushaka kurenganya umuntu cyangwa gutanga ruswa amakuru Ahita yihuta maze inzego zigakorana mu kurwanya ibi bikorwa bimunga igihugu. Muri izi nama zose hagenda hanamenyekanisha inimeru itishyurwa y'Akarere **3380**

Inteko z'abaturage zikorwa buri wa kabiri w'icyumweru ndetse ibindi byose bikagaragara ku rubuga [www.gatsibo.gov.rw](http://www.gatsibo.gov.rw) kandi mu nteko no mu nama zitandukanye bikavugwa

## 3. Kuganira ku mikorere y'inama ngishwana zo kurwanya ruswa n'Akarengane mu Mirenge ndetse n'ibindi byiciro bitandukanye

Mu Karere ka Gatsibo kuwa 08/05/2019 mu Murenge wa Muhura hatangirijwe igikorwa n'Umuyobozi w'Akarere akaba n'Umuyobozi wa DACACI Ku Karere Bwana GASANA Richard cyo kugirana ibiganiro n'inama ngishwanama z'Imirenge n'Utugari ari nabo bayobozi b'inama ngishwanama ku rwego rw'Imirenge n'Utugari ndetse n'ibindi byiciro bitandukanye harimo Inama Njyanama y'Umurenge n'Utugari, Abikorera, Abayobozi b'Amadini, Abakuru b'Amasibo, Imboni z'Imiyoborere, abahuzabikorwa n'urubयरuko, abagore n'Abakuru b'Imidugudu. Izi nama zari zigamije kuganira ku mikorere y'Inama ngishwanama mu guhashya ruswa n'Akarengane mu Mirenge, kureba imikorere y'Inama ngishwanama zo mu mirenge no kwirinda ruswa, kuyitangira amakuru kare aho ikekwa no gukorana n'izindi nzego mu kurwanya ruswa n'Akarengane mu Karere ka Gatsibo no guhuza ku mikorere y'ibikorwa by'Akarere bibyara iterambere harimo imihigo buri wese agomba kugira n'ibindi... Inama yarangiye abatumiwe bose bishimiye ibiganiro kandi bafashe ingamba z'imikoranire mu bikorwa by'akarere bigamije kurwanya Akarengane na Ruswa ndetse bemeza ko kurwanya akarengane na ruswa biguma mu mihigo y'Akarere n'Umuturage muri rusange akabigira ibye muri buri muhigo wo mu ngo.



Umuyobozi w'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere, Umuyobozi w'Inama ngishwanama ku rwego rw'Umurenge wa Muhura n'ibindi byiciro bitandukanye bafatira hamwe ingamba ku kurwanya ruswa n'akarengane mu Mirenge



Ifoto y'urwibutso ku batimirwa n'umuyobozi wa DACACI

#### 4. Gukemura ibibazo by'Akarengane byagaragajwe

Kuwa 11/06/2016 mu Murenge wa Rwimbogo, Umuyobozi w'Akarere Bwana GASANA Richard na bamwe mu nama ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku Karere harimo n'umwungirije DPC spt Buetera Patrick basuye umuturage wagaragaje ikibazo ko afite akarengane; mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibyo inama ngishwanama yiyemeje mu gukemura ibyo bibazo by'Akarengane, bagiye gukemura ikibazo cy'uwitwa BIZIMANA Innocent utuye mu Murenge wa Rwimbogo, mu Kagari ka Rwikiniro , Umudugudu Rwikiniro I, waguze ubutaka akaza kugirana amakimbirane n'umuryango wa Mukagasangwa, maze aramurega atsindira kugaruzwa amafaranga yatanze ariko ntiyayahabwa kuko urubanza rwari rwarangijwe igice. Nyuma yo kujya aho ikibazo kiri, kumva abaturage kuko bari bahari no kureba ibyari byemejwe, hafashwe imyanzuro ko BIZIMANA arenganurwa agahabwa amafaranga ye 2,680,000 bitarenze itariki ya 11/07/2019. Ibi byarubahirijwe yarayabonye kandi yishimiye ibyo ubuyobozi bwamukoreye ko bwamurenganuye.



Umuyobozi w'Akarere n'abagize DACACI bagiye aho ikibazo kiri mu Murenge wa Rwimbogo



Umuyobozi w'Akarere GASANA Richard atanga umurongo ku kibazo abaturage bamugaragariza mu Murenge wa Rwimbogo

5. Gukoresha ibiganiro (Mobilisation) bishishikariza abaturage ku rwanya ruswa n'akarengane no gukemura bimwe mu bibazo by'akarengane bigaragara

Guhera kuwa kuwa 05/06/2019 kugera ku wa 06/06/2019, mu Murenge yose igize Akarere ka Gatsibo habaye inama zari igamije kureba ibibazo by'Akarengane na ruswa bigaragara maze bigahabwa umurongo. Igikorwa ku rwego rw'Akarere cyatangirijwe mu Murenge wa Kiramuruzi, mu Kagari k'Akabuga . Iki gikorwa cyatangijwe n'Umuvunyi Mukuru akaba n'Umuyobozi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu Bwana Anastase Murekezi. Ku rwego rw'Akarere kandi hari Abagize Komite y'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Akarere bese iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Bwana GASANA Richard.

Muri iyi nama habayemo kwigisha abaturage ku burenganzira no ku nshingano byabo, kubakangurira kwirinda ruswa, kuyanga no gutunga agatoki aho baba bayizi, ndetse tukaba twarakiriye ibibazo by'abaturage no kubikemura bigahabwa umurongo.

Muri iyi gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane, abaturage basobanuriwe kandi n'amwe mu mategeko ajyanye n'ibibazo bakunze guhura nabyo (*ubutaka, izungura,...*) bakayamenya. Ababajije ibibazo barasubijwe birakemuka, abandi bihabwa umurongo hakurikijwe ububasha urwego rufite mu gukemura icyo kibazo ndetse zigahabwa igihe cyo kuzaba zabikemuye.



Kuwa 05/06/2019, Umuyobozi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Igihugu Bwana MUREKEZI Anastase hamwe n'abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere, abayobozi batandukanye ku Ntara baganira n'abaturage ku kurwanya ruswa n'akarengane mu Murenge wa Kiramuruzi





Kuwa 06/06/2019, Umwanditsi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane mu Karere Madamu NANKUNDA Jolly aganira n'abaturage mu Murenge wa Muhura ku kurwanya ruswa n'Akarengane ndetse akanakira agakemura ibibazo bafite

### Umusozo

Nk'uko biteganywa n'Amategeko yavuzwe haruguru, ibikorwa by'inama ngishwanama byarakozwe kandi byatanze umusaruro, mu kugaragaza isura nziza y'Akarere ndetse n'imyumvire y'abaturage muri rusange. Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku Karere ndetse n'iz'Imirenge bakoze ibikorwa byinshi bitandukanye kandi mu bufatanye bw'inzego nyishi zitandukanye, ruswa n'Akarengane bigenda bivugwa mu mpande zose hagaragazwa ububi bwazo mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza izira ruswa n'akarengane mu Karere byo soko y'iterambere.